/ND.F./M.M.J./

Kigali, le 14 MAI 1981

N° 785 /12.08.01

# I T A N G A Z O

Shampiyona y'umupira w'Intoki (Volley-ball) ili hafi kurangira. Dore uko programu y'iki cyumweru iteye.

Mu cyiciro cya Mbere

Ku cyumweru, taliki ya 17 Gicurasi

- Ishuli likuru ly'Inderabarezi lizahura na Collège des Humanités Modernes y'i Nyanza ku kibuga cya I.P.N. isaa yine.

Mu cyiciro cya Kabili

Kuwa Gatnadatu, taliki ya 16 Gicurasi

- Ishuli ly'Inderabarezi ly'i Shyogwe lizahura n'Ishuli likuru lya GISILIKARE ku kibuga cya Shyogwe isaa cyenda.

Icyitonderwa

Komite Nyobozi ya Volley-ball itumiye ba Responsables b'amakipe yo mu cyiciro cya Mbere, n'abo mu cyiciro cya kabili bashoboye kujya mu gice cya nyuma kirangiza shampiyona hamwe n'abasifuzi bayoboye icyiciro cya mbere mu nama izabera muli Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kuwa gatatu taliki ya 20 Gicurasi saa tatu za mugitondo. Bazakemulira hamwe (bibazo) impaka zavutse mu mikino yo mu cyiciro cya mbere, bashyireho kalendari irangiza shampiyona.

Byongeye kandi, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino iramenyesha abakunda imipira y'intoki (Basket-ball) na Volley-ball) nuw'amaguru (Foot-ball) ko Iniverisite y'u Rwanda izakoresha irushanwa ly'iyo mikino hagati y'amakipe tugiye kuvuga; Azahura ku buryo bukulikira:

Muli Basket-ball (Abagabo)

Kuwa Gatanu, taliki ya 15 Gicurasi 1981 :

- Iniverisite y'u Rwanda izahura na Tigres muli Iniverisite saa Kumi n'imwe.

Kuwa Gatandatu, taliki ya 16 Gicurasi 1981:

- Iniverisite y'i BURUNDI izahura na Tigres isaa cyenda.

Ku cyumweru, taliki ya 17 Gicurasi isaa cyenda:

- Iniverisite y'u RWANDA izahura na Iniverisite y'i BURUNDI

Ku Cyumweru, taliki ya 17 Gicurasi 1981 isaa mbili n'Igice:

- Ikipe y'abakobwa bo muli Iniverisite y'u Rwanda izahura n'Ikipe y'abakobwa ya Iniverisite y'i BURUNDI.

.../...

Muli Volley-ball (Abagabo)

Kuwa Gatandatu, taliki ya 16 Gicurasi

- Iniverisite y'u Rwanda izahura na Foudres saa mbili n'igice

saa yine : Univerisite y'i BURUNDI izahura na Groupe Scolaire y'i BUTARE

Saa munani: Iniverisite y'i BURUNDI izahura na Foudres.

Saa cyenda n'igice : Groupe Scolaire y'i BUTARE izahura na Iniverisite y'u Rwanda.

Saa Moya z'ijoro : Foudres izahura na Groupe Scolaire y'i BUTARE

Saa mbili z'ijoro : Iniverisite y'i BURUNDI izahura na Iniverisite y'u RWANDA.

Ku Cyumweru, taliki ya 17 Gicurasi 1981

Saa Mbili n'igice : Ikipe yabaye iya gatatu n'iya Kane bizahura.

Saa Yine : Amakipe abili ya mbere azakina.

Naho ku bakobwa, amakipe uko ali abili azahura kuwa Gatandatu taliki ya 16 Gicurasi 1981 isaa Kumi n'imwe.

Umupira w'amaguru (Foot-ball) uzahuza amakipe abili. Iniverisite y'U RWANDA na Iniverisite y'i BURUNDI.

Kuwa Gatandatu, taliki ya 16 Gicurasi 1981 isaa cyenda n'igice niho ayo makipe ateganijwe kuzahura.

Icyitonderwa :

Umupira wa Zephyr na Iniverisite y'U RWANDA wali uteganijwe taliki ya 17 Gicurasi 1981 i Nyanza ntabwo ukibaye ushyizwe ku taliki ya 24 Gicurasi 1981 i Nyanza.

Turamenyesha abanyeshuli b'i ZAZA n'ikipe ya Volley-ball y'abakobwa bo muli Iniverisite ko imipira yabo yigijwe inyuma. Indi taliki bazaba bayimenyeshwa.

Ministri w'Urubyiruko n'Imikino

J. N. Sezney MUGEMANA
Secrétaire Général

REPUBLIQUE RWANDAISE – MINISTERE DE LA JEUNESSE & DES SPORTS –